Ubutumwa bugenewe itangazamakuru

Abaturage bagomba gukorana #N'impunzi bakiriye mu kurengera ibidukikije

Umunsi mpuzamahanga w'impunzi 2019

Kuva aho italiki ya 20 ya buri kwezi kwa gatandatu yemejwe nk'umunsi mukuru wahariwe impunzi n'Inama nkuru y'Umuryango w'Abibumbye Loni mu mwaka wa 2000, umubare w'impunzi n'abandi bavanywe mu byabo ku ngufu wariyongereye ku buryo budasubirwaho. Nyuma y'imyaka 105 Papa Piyo wa X ashyizeho, muri 1914, Umunsi mpuzamahanga w'impunzi n'abavanywe mu byabo, n'imyaka 68 Itegeko ryo muri 1951 rigenga sitati y'impunzi ritowe, Uganda muri iki gihe icumbikiye impunzi zigera kuri 1.257.729 (iyi mibare ni iyo kuwa 30 z'ukwezi kwa kane 2019) – ni wo mubare munini w'impunzi muri Afurika yose, ukaba ungana n'abaturage bose batuye igihugu cya Maurice.

Insanganyamatsiko y'uyu mwaka ariyo "Tera intambwe #Hamwe n'impunzi – Turengere ibidukikije" iziye igihe! Iyo ngingo ni yo iganirwaho mu munsi mukuru ubera ku kibuga cy'umupira cy'amashuri abanza ya Alaba abarizwa mu nkambi ya Bidibidi iri mu karere ka Yumbe, ikaba ariyo nkambi irusha izindi ubunini mu gihugu hose.

1. Uretse no kumva ingaruka mbi ku bidukikije ziterwa n'ukwiyongera kw'impunzi, abantu bamaze kubona ko ukudashobora gukingira ibidukikije ari imwe mu mpamvu zituma abantu bakomeza guhunga

2. Hashize iminsi hizihijwe ku isi Umunsi mpuzamahanga w'ibidukikije, insanganyamatsiko ikaba yari #Dutsinde ubwandu bw'umwuka duhumeka, kuko abantu bamaze kumva ko kugera ku majyambere arambye (Sustainable Development Goals) birimo gukomwa mu nkokora n'itituka ry'ibidukikije rikabije
3. Ifatiye ku kumenya ko ibice 60 ku ijana by'impunzi ziri muri Uganda ari abana, iki cyiciro kikaba ubundi cyitabira ibintu bishyashya byadutse, kikaba rero cyanakwitabira ibijyanye no gutera ibiti
4. Ijyanye kandi n'ibyibanzweho mu kwizihiza umunsi mpuzamahanga wo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorwa igihe cy'amakimbirane, aho hashimangiwe ko ibikorwa byose byajya bishyira imbere abakorewe ihohoterwa

Impunzi zibarirwa mu bantu bagera kuri miliyoni 3 n'ibihumbi magana inani bapfa buri mwaka biturutse ku guhura n'imyuka bahumeka iva mu ikoreshwa ry'amacaniro n'ibindi bicanwa byanduye. Izi mfu zagashoboye kwirindwa iyaba impunzi n'abandi bantu bose bugarijwe n'ubukene bakaba babeshwaho n'ubufasha bahabwa, babonerwaga ubundi buryo bwo kubona ibicanwa byo gutanga ubushyuhe no guteka. Kubera ko ubwo buryo bwo kubona ibindi bicanwa bikwiye, harimo n'amashanyarazi, budahari kandi abantu bakaba batabufitiye ubushobozi, ibice birenga 90 ku ijana by'ibicanwa bikoreshwa n'imiryango y'abaturage bakiriye impunzi, iy'impunzi ubwazo, n'iy'abasaba ubuhungiro, usanga bikoresha ibyo bita biyomasi (biomass) – ahanini biva ku nkwi zo gucana no ku makara.

Abaturage bakiriye impunzi, n'impunzi ubwazo, bafite ubuhe buryo bundi bwo kubona ibicanwa byo gutanga ubushyuhe no guteka? Inyigo zakozwe zerekanye ko ibice 43 ku ijana by'amakara akoreshwa ava mu mashyamba y'abantu ku giti cyabo, ko ibice 41 ku ijana by'abatwika amakara babikora nk'akazi gahoraho, kandi ko umubare w'amakara akenewe utashobora kuboneka mu buryo burambye. Gukoresha gazi na byo bigaragara ko atari uburyo bwuzuye bwo gusimbura amakara kuko no kugabanya ibiciro bya gazi bitatumye kuyakoresha bigabanuka. Mbere yo gucira urubanza abakoresha ibicanwa biva ku biti, ntitugomba kwiyibagiza ko, nubwo imiryango ikennye ifite uruhare rugaragara mu gukwirakwiza imikoreshereze y'ibyo twakwita ibicanwa "byanduye", usanga na 49 ku ijana by'ibigo bya leta n'amabohero muri Uganda bikoresha inkwi n'amakara (reba inyigo yakozwe muri 2015 ku mikoreshereze y'amakara muri Uganda).

Kimwe n'abaturage bazakiriye, impunzi na zo usanga (rimwe na rimwe) zarishoye mu mirimo y'ubucuruzi yo gutwika amakara no kwasa inkwi zicanwa, zikoresheje amafuru ya gakondo. Ibi bikorwa bigira ingaruka ku buzima bw'abantu no ku gukendera k'ubutaka buriho amashyamba muri Uganda. Uburyo bwo kugabanya ingaruka zabyo bukoreshwa muri iki gihe ni 'ugukoresha tekinolojiya igezweho mu gutwika amakara'. Minisiteri y'ingufu no guteza imbere ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro yatangije uburyo bushya bwo gukwirakwiza no gukoresha amafuru y'ibyuma ashobora kwimukanwa, nka bumwe mu buryo bwifashishwa mu rwego rw' #Umushinga DukoreshеAmakaraAtanduza (#GoGreenCharcoal Project).

Ariko abanyagihugu n'impunzi usanga ano mafuru na yo bitaboroheye kuyabona kandi n'ubushobozi butabibemerera (raporo y'inyigo yakozwe muri 2015 ku mikoreshereze y'amakara muri Uganda).

Nk'abagize ishyirahamwe riharanira uburenganzira bw'ikiremwamuntu ryakoranye, kuva ryashingwa, n'ibihumbi n'ibihumbagiza by'impunzi, abasaba ubuhungiro, abakuwe mu byabo b'imbere mu gihugu n'abirukanwa mu bihugu bahungiyemo, kandi rifite icyerekezo cyo gukora ibishoboka byose ngo abavanwa mu byabo ku ngufu babeho mu buzima burangwa n'agaciro ka muntu hatitawe ku cyo bari cyo, dushima ubutwari bw'abo bantu bose dukorana na bo. Uyu munsi tuwutuye abo bose bafashe urugendo rwuzuyemo ingorane zitabarika kugirango babeho mu mutekano, kimwe n'abo bose badata icyizere bakarenga imipaka n'imipaka bagambiriye guhunga ihohoterwa ritavugwa bagirirwa, ihohoterwa ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu, kimwe n'abarokotse ibindi biza, nk'abagwiriwe mu minsi ishize n'inkangu z'i Bududa.

Kwizihiza umunsi nk'uyu bituma twibuka ubugwaneza bw'abantu bigomwe uduke bafite ngo bashyigikire impunzi. Mu buryo bw'umwihariko, turashimira uturere n'imiryango muri Uganda byakiriye impunzi, kuko iyo bitabikora gutyo, impunzi n'abasaba ubuhungiro bahunga itotezwa ntibaba barabonye aho bumva bisanzuye. Hifashishijwe ubufasha buturutse muri Gahunda y'igihugu yo gushyigikira uturere na Gahunda yo kuvugurura imikorere y'inkambi z'impunzi, izo gahunda zikaba zareguriye ubushobozi bwo kwita ku mpunzi uturere twazakiriye, intwari tudakwiye kwibagirwa

gushima ku munsi nk'uyu ni abaturage b'uturere twakiriye impunzi batigeze bajijinganya gutanga ubutaka bwabo (igihe kinini ubwo butaka buba ari ubw'imiryango) ngo butuzweho impunzi kandi hakorerweho imishinga y'amajyambere ya guverinoma ya Uganda. Mu by'ukuri ubu bugwaneza butagira ikigero ni bwo butuma ingamba zo kwita ku mpunzi muri Uganda ziba indashyikirwa kandi zikavugwa ibigwi ku isi hose.

Nta gushidikanya ko gukemura ibibazo by'imihindukire y'ikirere bisaba ingamba zikora kuri sosiyete yose nta n'umwe wirengagijwe. Gushishikariza impunzi n'abazakiriye ingamba zo kurengera ibidukikije ni ihame ridakuka ariko rigomba kutirengagiza guhindura imyumvire n'imyifatire y'abantu ku bijyanye n'ibidukikije, gukangurira abantu bose aho bava bakagera kubyitabira, no kuvugurura ingamba n'amategeko ajyanye n'izo gahunda.

Mu gihe twizihiza umunsi mukuru mpuzamahanga w'impunzi muri uno mwaka wa 2019, tukaba turi bamwe mu bitabiriye gutera ibiti mu turere twa Adjumani, Kiryandongo na Lamwo, turasaba guverinoma, ibihugu bigize umuryango w'abibumbye, imiryango itegamiye kuri Leta, abikorera ku giti cyabo, impuguke zikora ubushakashatsi, abahagarariye ibihugu byabo, abaterankunga, na rubanda muri rusange ibi bikurikira:

- Kumva ko kurengera ibidukikije ari inshingano zihuriweho na bose, baba abaturage b'ibihugu byakiriye impunzi, zaba n'impunzi ubwazo zibeshejweho n'urugwiro rw'abazakiriye
- Gutera inkunga abitangiye kurengera ibidukikije no kubafasha gukorana n'ubuyobozi bw'impunzi mu gushakisha ingamba

zidahungabanya umuco wazo zo kugabanya ingaruka z'imihindukire y'ikirere. Bitewe n'uko ikigereranyo cy'imyaka abantu bamara mu buhungiro cyiyongereye kuva ku myaka 18 kugera kuri 21, abitangiye kurengera ibidukikije bagomba gukorana n'impunzi kugirango bashyireho ingamba zirambye zo kwita ku mihindukire y'ikirere.

- Gutekereza ku bundi buryo bwafasha impunzi n'abazakiriye mu mibereho yabo, cyane cyane ubushingiye ku biva ku mashyamba, kugirango bibe inzira yo kubashishikariza kurengera ibidukikije. Ibi bisaba gusuzuma ibyangombwa bikenewe, hatirengagijwe no gusuzuma ubushobozi bw'impunzi n'abazakiriye mu guhangana n'ibibazo no gushyiraho ingamba nyazo z'imibereho.
- Gukorana n'inzego z'abaturage, harimo na komite zishinzwe kurengera ibidukikije (inzego z'imirenge), komite z'imibereho myiza y'impunzi (RWCs), abayobozi gakondo n'abayobozi b'amadini anyuranye, ku bijyanye n'imihindukire y'ikirere no kubana mu mahoro kw'impunzi n'abaturage bazakiriye.
- Gutera inkunga impunzi n'abazakiriye bagatangiza hamwe za pepiniyeri bazajya bavanamo ingemwe bashobora kugaba no gutera
- Gutera inkunga urubyiruko no kuruganiriza ku bijyanye no kuba rwaravanywe mu byabo ku ngufu no ku mihindukire y'ikirere hakoreshejwe ibiganirompaka mu mashuri, gusura ahantu hanyuranye mu rwego rwo kwiga no gusurana byo kungurana ibitekerezo.

- Kwitabira guhugura abaturage no kubamenyesha ibirebana n'ikibazo cy'abavanywe mu byabo n'imihindukire y'ikirere. Nubwo ibikorwa byinshi byagezweho, haramutse habonetse udutabo dusobanura mu ndimi impunzi n'abazakiriye bisangamo ingamba zifatwa, amategeko agomba gukurikizwa n'uko byose bigomba gushyirwa mu bikorwa, ibyo byashobora gufasha impunzi n'abazakiriye kubona amakuru nyayo no kubashishikariza kwitabira gahunda zishyirwaho.

IBIRORI BIHIRE!